

## A Kugaruka kwa Yesu:

### ❖ Ibyiringiro by'umugisha.

- Kuva Yesu adusezeranje kugaruka (Yohana 14:1–3), ibi byabaye ibyiringiro by'abizera bose kugeza uyu munsi (Tito 2:13).
- Ni iki kigira Kugaruka kwa Yesu ikintu gitegerezwe cyane bene aka kageni?
  - (1) Kumenyesha iherezo ry'indwara, imibabaro n'urupfu
  - (2) Gusobanuye iherezo ry'ubukene, akarengane n'ikandamiza
  - (3) Gushyira iherezo ku ihangana, amakimbirane n'intambara
  - (4) Fungurira imiryango isi y'amahoro, umunezero no gusabana n'lmana iteka ryose

### ❖ Yesu azaza ate?

- Mu kinyejana cya 19, Abaporotesitanti bagoretse inyigisho yo Kugaruka kwa Yesu bigisha ko Yesu azashyiraho ubwami bwo ku isi bw'imyaka igihumbi y'amahoro (Kugaruka mbere y'imyaka 1.000 y'amahoro ku isi), cyangwa ko hazabaho igihe cy'imyaka igihumbi cy'amahoro mbere yo Kugaruka kwa Yesu (Kugaruka nyuma y'imyaka 1.000 y'amahoro ku isi).
- Ariko abagorozи bigishije ko ikinyagihumbi kizabanzirizwa no Kugaruka kwa Yesu, kandi ko ibyo byajyaga kubaho:
  - (1) *Mu buryo butari ibimenyetso*. “Dore ndaza vuba” (Ibyahishuwe 22:20)
  - (2) *Mu buryo bugaragara*. “Amaso yose azamureba” (Ibyahishuwe 1:7; Matayo 24:27)
  - (3) *Mu buryo bwumvikana mu matwi*. “aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'lmana” (1Abatesaloniki 4:16; 1Abakorinto 15:52)
  - (4) *Mu buryo bw'icyubahiro*. Abapfuye bazazuka, abakiraho bahindurwe, maze tuzamuranwe n'Umwami (1Abatesaloniki 4:13–18; 1Abakorinto 15:51–55)

## B Wiliyamu Mileri:

### ❖ Uburyo bwo gusobanura Bibiliya.

- Wiliyamu Mileri ashingiye ku magambo ya Yesaya (Yesaya 28:9–10), yanzuye ko Bibiliya yisobanura ubwayo.
- Yahereye mu Itangiriro, yiga buri murongo wa Bibiliya. Aho atasobanukirwaga neza, yashakiraga ubusobanuro mu yindi mirongo ya Bibiliya.
- Muri ubwo buryo, Umwuka Wera yaramumurikiye kugeza igihe Bibiliya yamufunguriwe
- Ageze mu bice by'ubuhanuzi, yavumbuye ko iryo hame rishobora gukurikizwa no muri bwo:
  - (1) Inyamaswa zigereranya ubwami cyangwa abami (Daniyeli 7:17, 23)
  - (2) Umuyaga ugereranya kurimbuka (Yeremiya 49:36)
  - (3) Amazi agereranya abantu bensi (Ibyahishuwe 17:15)
  - (4) Abagore bagereranya amatorero (Ezekiyeli 23:4; 2Abakorinto 11:2)
  - (5) Iminsi igereranya imyaka isanzwe (Kubara 14:34; Ezekiyeli 4:6)

### ❖ Igihe cya gihanuzi.

- Hamwe n'ibyo, mu gihe cya Mileri, isi yatekerezwaga ko ari bwo buturo, maze Mileri yemeza ko ubuhanuzi bujyanye no kwezwa k'ubuturo (Daniyeli 8:14) bwerekaza ku gihe cyo Kugaruka kwa Yesu.
- Yabonye ko Gaburiyeli yasobanuriye Daniyeli aka na kariya ku iyerekwa (Daniyeli 8:20–25), uretse iminsi 2.300 (Daniyeli 8:26–27).
- Nyuma y'imyaka runaka, Gaburiyeli yongeye koherezwa gusobanura Daniyeli kuri iyo ngingo (Daniyeli 9:21–23). Yasobanuye ko hari igihe runaka cyangwa “cyakaswe”, kandi ko kizatangirana no “gutangazwa kw'iteka ryo gusana no kubaka Yerusalem” (Daniyeli 9:24–25). Mileri aramutse abonye iri teka, yajyaga kumenya intangiriro y'iminsi/imyaka 2.300.

### ❖ Ubuhanuzi bw'iminsi 2.300.

- Mu mwaka wa karindwi wa Aritazerusi umwami w'U Buperesi, Ezira yahawe itegeko ryo kujya i Yerusalem kandi akagira ubwigenge busesuye bwa politiki bwo kurangiza gusana umurwa (Ezira 7:7, 11–14, 20–21, 24–25). Hari mu mwaka wa 457 MK.
- Nk'uko ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 bubyerekana, kongera kubaka Yerusalem neza byatwaye imyaka 49, maze hashira indi myaka 434 kugeza ku kuza kwa Mesiya (Daniyeli 9:25). Iyi mibare ishyira umubatizo wa Yesu mu mwaka wa 27 NK, n'irangira ry'ibyumweru 70 mu mwaka wa 34 NK.
- Mileri yashyize hamwe ibika by'indangaminsi ya gihanuzi, yanzura avuga ko Kugaruka kwa Yesu kwajyaga kubaho mu gihe runaka cy'umwaka w'1843 (byaje gukosorwa biba 1844).

# UBUHANUZI BW'IMINSI 2.300

"Ibyumweru mirongo irindwi byakatiweho ubwoko bwawe n'umurwa wawe wera" (Daniyeli 9:24 ingeri ya RV2000)

"Bizegeza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa."



457 MK	408 MK	27 NK	31 NK	34 NK	1844 NK		
Itegeko rya Aritazerusi	Yerusalemu yarubatswe	Ibyumweru 70 Imyaka 490	Yesu yarasizwe	Yesu yaraba- mbwe	Sitefano yatewe amabuye	Ubutumwa Bwiza ku Banyama- hangha	Kwezwa k'Ubuturo Bwera